Umuntu wakundaga kwitwararika Qur'an azabwirwa ati: Yisome, uzamuke mu ntera, unayisome witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri ku isi, kubera ko urwego rwawe rwa nyuma n'urw'umurongo wa nyuma iri bugarukireho uri gusoma

Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Am'ri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Umuntu wakundaga kwitwararika Qur'an azabwirwa ati: Yisome, uzamuke mu ntera, unayisome witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri ku isi, kubera ko urwego rwawe rwa nyuma n'urw'umurongo wa nyuma iri bugarukireho uri gusoma."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhi ndetse na A-Nasa'iy mu gitabo cye Sunanul Kubra ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umuntu wajyaga yitwararika Qur'an agakunda kuyisoma, ndetse akagerageza no kuyishyira mu bikorwa, akagerageza no kuyifata mu mutwe niyinjira mu ijuru: Bazamubwira bati soma Qur'an ukomeze kuzamuka mu ntera, unayisome utuje witonze nkuko wajyaga uyisoma ukiri mu isi, kubera ko urwego rwawe rwa nyuma ruraba umurongo wa nyuma uri busome.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65054